**Umwaka wa 60**
**Igazeti ya Leta n° 04 *bis* yo ku wa 08/02/2021**

**Year 60**
**Official Gazette n° 04 *bis* of 08/02/2021**

**60ème Année**
**Journal Officiel n° 04 *bis* du 08/02/2021**

## *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

### A. *Amategeko/Laws/Lois*

**N° 005/2021 ryo ku wa 05/02/2021**
Itegeko rigenga ubufatanye mu by'amategeko mu rwego mpanabyaha ................................. 2
**Nº 005/2021 of 05/02/2021**
Law governing mutual legal assistance in criminal matters .................................................... 2
**N° 005/2021 du 05/02/2021**
Loi régissant l'entraide judiciaire en matière pénale .............................................................. 2

**N° 006/2021 ryo ku wa 05/02/2021**
Itegeko ryerekeye guteza imbere no korohereza ishoramari ................................................. 32
**N° 006/2021 of 05/02/2021**
Law on investment promotion and facilitation ...................................................................... 32
**N° 006/2021 du 05/02/2021**
Loi relative à la promotion et à la facilitation des investissements ........................................ 32

**ITEGEKO N° 005/2021 RYO KU WA 05/02/2021 RIGENGA UBUFATANYE MU BY'AMATEGEKO MU RWEGO MPANABYAHA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2:Ibirebwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: UBUSABE BWOHEREJWE N'UBWAKIRIWE**

**Icyiciro cya mbere: Ubusabe bwoherejwe**

**Ingingo ya 4: Ubusabe bugenewe igihugu cy'amahanga**

**Ingingo ya 5: Iyoherezwa ry'ubusabe**

**Ingingo ya 6: Imiterere y'ubusabe bwoherejwe n'ibibukubiyemo**

**LAW Nº 005/2021 OF 05/02/2021 GOVERNING MUTUAL LEGAL ASSISTANCE IN CRIMINAL MATTERS**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Scope of this Law**

**Article 3: Definitions**

**CHAPTER II: OUTGOING AND INCOMING REQUESTS**

**Section One: Outgoing request**

**Article 4: Request to a foreign State**

**Article 5: Transmission of a request**

**Article 6: Form and content of outgoing request**

**LOI N° 005/2021 DU 05/02/2021 RÉGISSANT L'ENTRAIDE JUDICIAIRE EN MATIÈRE PÉNALE**

**TABLE DES MATIÈRES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Champ d'application**

**Article 3: Définitions**

**CHAPITRE II: DEMANDES ENVOYÉES ET REÇUES**

**Section première: Demande envoyée**

**Article 4: Demande à un État étranger**

**Article 5: Transmission d'une demande**

**Article 6: Forme et contenu de la demande envoyée**

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 2: Ubusabe bwakiriwe** | **Section 2: Incoming request** | **Section 2: Demande reçue** |
| **Ingingo ya 7: Kwakira ubusabe** | **Article 7: Reception of request** | **Article 7: Réception de la demande** |
| **Ingingo ya 8: Imiterere y'ubusabe bwakiriwe n'ibibukubiyemo** | **Article 8: Form and content of incoming request** | **Article 8: Forme et contenu de la demande reçue** |
| **Ingingo ya 9: Ishyirwa mu bikorwa ry'ubusabe** | **Article 9: Implementation of a request** | **Article 9: Exécution d'une demande** |
| **Ingingo ya 10: Ubusabe ku bimenyetso byerekeye amakuru abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **Article 10: Request for evidence related to computer data** | **Article 10 : Demande de preuves relatives à des données informatiques** |
| **Ingingo ya 11: Igisubizo cy'ubusabe** | **Article 11: Outcome of the request** | **Article 11: Résultat de la demande** |
| **Ingingo ya 12: Impamvu zo kwanga ubusabe** | **Article 12: Grounds for refusal of a request** | **Article 12: Raisons pour rejet d'une demande** |
| **Ingingo ya 13: Kugira ibanga no kugabanya ikoreshwa ry'amakuru cyangwa ibimenyetso** | **Article 13: Confidentiality and limitation of use of information or evidence** | **Article 13: Confidentialité et limitation de l'utilisation des informations ou des preuves** |
| **UMUTWE WA III: KWEMERWA KW'IBIMENYETSO BYATANZWE N'IGIHUGU CY'AMAHANGA** | **CHAPTER III: ADMISSIBILITY OF EVIDENCE OBTAINED FROM A FOREIGN STATE** | **CHAPITRE III: RECEVABILITÉ DES PREUVES OBTENUES D'UN ÉTAT ÉTRANGER** |
| **Ingingo ya 14: Ikimenyetso giturutse mu gihugu cy'amahanga** | **Article 14: Evidence from a foreign State** | **Article 14: Preuve provenant d'un État étranger** |
| **Ingingo ya 15: Icyemezo cy'ishyikiriza** | **Article 15: Certificate of service** | **Article 15: Attestation de signification** |

**Ingingo ya 16: Dosiye, inyandiko cyangwa ikindi gikoresho kiva mu mahanga**

**Ingingo ya 17: Ubuhamya butanzwe mu buryo bw'ikoranabuhanga**

**Ingingo ya 18: Kwakirwa kw'ibimenyetso biturutse mu makuru abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga**

**UMUTWE WA IV: UBUSABE BW'UBUFATANYE MU BIREBANA N'ABATANGABUHAMYA BABA MU RWANDA N'IBYEMEZO MVAMAHANGA**

**Icyiciro cya mbere: Ubufatanye burebana n'abatangabuhamya baba mu Rwanda**

**Ingingo ya 19: Ibimenyetso bitanzwe n'umutangabuhamya n'uburyo byakirwa**

**Ingingo 20: Kwitaba k'umutangabuhamya uri mu Rwanda hifashishijwe ikoranabuhanga**

**Ingingo ya 21: Kohereza umuntu ufunzwe mu gihugu cy'amahanga**

**Ingingo ya 22: Uburenganzira bw'umuntu**

**Article 16: Foreign record, document or other material**

**Article 17: Testimony through information and communication technology**

**Article 18: Admissibility of evidence from computer data**

**CHAPTER IV: REQUEST FOR MUTUAL ASSISTANCE IN MATTERS RELATED TO WITNESSES IN RWANDA AND FOREIGN ORDERS**

**Section One: Mutual assistance related to witnesses residing in Rwanda**

**Article 19: Evidence from a witness and procedure for its reception**

**Article 20: Appearance of a witness residing in Rwanda through information and communication technology**

**Article 21: Transfer to a foreign State of a person in custody**

**Article 22: Rights of a person in custody**

**Article 16: Dossier, document et autre pièce d'origine étrangère**

**Article 17: Témoignage au moyen des technologies de l'information et de la communication**

**Article 18: Recevabilité de preuves provenant des données informatiques**

**CHAPITRE IV: DEMANDE D'ENTRAIDE EN MATIÈRES DE TÉMOINS RÉSIDANT AU RWANDA ET D'ORDONNANCES ÉTRANGÈRES**

**Section première: Entraide relative aux témoins résidant au Rwanda**

**Article 19: Preuves provenant d'un témoin et procédure de leur réception**

**Article 20: Comparution d'un témoin résidant au Rwanda au moyen des technologies de l'information et de la communication**

**Article 21: Transfert vers un État étranger d'une personne détenue**

**Article 22: Droits d'une personne détenue**

**ufunzwe usabirwa koherezwa mu gihugu cy'amahanga**

**whose transfer to a foreign State is requested**

**dont le transfert vers un État étranger est demandé**

**Ingingo ya 23: Ibisabwa mu gufata icyemezo cyo kohereza umuntu ufunzwe mu mahanga**

**Article 23: Conditions for making a transfer order for a person in custody**

**Article 23: Conditions pour rendre une ordonnance de transfert d'une personne détenue**

**Ingingo ya 24: Ibikubiye mu busabe bwo kohereza mu gihugu cy'amahanga umuntu ufunzwe**

**Article 24: Content of a transfer request of a person in custody**

**Article 24: Contenu de la demande de transfert d'une personne détenue**

**Icyiciro cya 2: Ibyemezo by'igihugu cy'amahanga**

**Section 2: Orders from a foreign State**

**Section 2: Ordonnances d'un État étranger**

**Ingingo ya 25: Icyemezo cy'agateganyo cy'ihagarika, ibuza cyangwa ifatira**

**Article 25: Interim freezing, restraint or seizure order**

**Article 25: Ordonnance provisoire de gel, de blocage ou de saisie**

**Ingingo ya 26: Kwemera no gushyira mu bikorwa icyemezo cyo mu mahanga**

**Article 26: Recognition and enforcement of a foreign order**

**Article 26: Reconnaissance et exécution d'une ordonnance étrangère**

**Ingingo ya 27: Gusaba kuvanaho cyangwa guhindura icyemezo cyo mu mahanga**

**Article 27: Application to discharge or vary an order from a foreign State.**

**Article 27: Demande de révocation ou de modification d'une ordonnance rendue dans un État étranger**

**UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 28: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Article 28: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 28: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Article 29: Repealing provision**

**Article 29: Disposition abrogatoire**

**<u>Ingingo ya 30</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**ITEGEKO N° 005/2021 RYO KU WA 05/02/2021 RIGENGA UBUFATANYE MU BY'AMATEGEKO MU RWEGO MPANABYAHA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Mutarama 2021;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 24, iya 29, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ubugizi bwa

**<u>Article 30</u>: Commencement**

**LAW Nº 005/2021 OF 05/02/2021 GOVERNING MUTUAL LEGAL ASSISTANCE IN CRIMINAL MATTERS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its sitting of 20 January 2021;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 24, 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 and 176;

Pursuant to the United Nations Convention against Transnational Organised Crime

**<u>Article 30</u>: Entrée en vigueur**

**LOI N° 005/2021 DU 05/02/2021 RÉGISSANT L'ENTRAIDE JUDICIAIRE EN MATIÈRE PÉNALE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 janvier 2021 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 24, 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 et 176 ;

Vu la Convention des Nations Unies contre la criminalité transnationale organisée adoptée à

nabi mpuzamahanga buteguye yakorewe i New York ku wa 15 Ugushyingo 2000 nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 158/01 ryo ku wa 31/12/2002;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigenga ubufatanye mu by'amategeko mu rwego mpanabyaha.

**Ingingo ya 2:Ibirebwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rireba ubusabe bw'ubufatanye mu by'amategeko mu rwego mpanabyaha busabwa igihugu cy'amahanga cyangwa cyo gisaba mu birebana n'ibi bikurikira:

1° gutahura abantu no kumenya aho baherereye;

2° gufata ibimenyetso cyangwa inyandiko-mvugo z'abantu;

3° gushyikiriza abantu inyandiko;

4° gukora isaka n'ifatira;

adopted in New York on 15 November 2000 as ratified by Presidential Order n° 158/01 of 31/12/2002;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law governs mutual legal assistance in criminal matters.

**Article 2: Scope of this Law**

This Law applies to the request for legal assistance in criminal matters to or from a foreign State in regards to the following:

1° identifying and locating persons;

2° taking evidence or statements from persons;

3° effecting service of documents;

4° executing search and seizure;

New York le 15 novembre 2000 et ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 158/01 du 31/12/2002 ;

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi régit l'entraide judiciaire en matière pénale.

**Article 2: Champ d'application**

La présente loi s'applique à la demande d'entraide judiciaire en matière pénale à destination ou en provenance d'un État étranger en ce qui concerne ce qui suit:

1° identifier et localiser les personnes;

2° recueillir les preuves ou les déclarations de personnes;

3° faire la signification des documents;

4° effectuer la perquisition et la saisie;

5° gutanga no kugaragaza inyandiko z'umwimerere cyangwa izemejwe ko zihuye n'umwimerere, dosiye n'ibindi bikoresho;

6° gufasha umutangabuhamya ukenewe kwitaba kugera mu gihugu cyamusabye;

7° gukora ihererekanya ry'agateganyo ry'abantu bafunze kugira ngo bifashe iperereza cyangwa bitabe nk'abatangabuhamya;

8° gushakisha, gutahura, guhagarika, kubuza no gufatira ibintu bikomoka ku cyaha cyangwa ibyakoreshejwe mu gukora icyaha;

9° gusubiza no kwikuraho umutungo;

10° kubungabunga no kubona amakuru abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga;

11° kugenzura ibinyuzwa mu iposita n'itumanaho;

12° ubundi buryo bwose bw'ubufatanye cyangwa ikusanya ry'ibimenyetso byemewe n'amategeko.

5° providing and producing original or certified documents, records, items and other materials;

6° facilitating the appearance of a needed witness in the requesting country;

7° effecting a temporary transfer of persons in custody to assist in investigation or for their appearance as witnesses;

8° tracing, identifying, freezing, restraining and seizing proceeds and instrumentalities of crime;

9° returning and disposing of property;

10° preserving and obtaining computer data;

11° monitoring postal items and telecommunications;

12° any other lawful form of mutual assistance or evidence gathering.

5° fournir et produire des documents, originaux ou notifiés conformes à l'original, dossiers, articles et autres matériaux;

6° faciliter la comparution d'un témoin nécessaire dans l'État requérant;

7° faire un transfert temporaire de personnes détenues pour faciliter une enquête ou pour leur comparution comme témoins;

8° détecter, identifier, geler, bloquer et saisir des produits et instruments du crime;

9° restituer et se dessaisir des biens;

10° conserver et obtenir des données informatiques;

11° surveiller les envois postaux et les télécommunications;

12° toute autre forme légale d'entraide ou de collecte de preuves.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **amakuru abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga:** ikintu cyose kigaragaza ibyabaye, amakuru cyangwa imiterere mu buryo bukwiye mu mikorerere ya mudasobwa harimo na porogaramu igenewe gutuma mudasobwa igira ikintu ikora;

2° **ubufatanye mu by'amategeko:** ubufatanye mu by'amategeko mpanabyaha buhabwa cyangwa busabwa igihugu cy'amahanga;

3° **Urwego rubifitiye ububasha:** Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano, urwego rufite ubushinjacyaha mu nshingano, cyangwa urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano;

4° **Urwego rw'Igihugu:** Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano.

**Article 3: Definitions**

In this Law, the following terms have the following meanings:

1° **computer data:** any representation of facts, information or concepts in a form suitable for processing in a computer system, including a program suitable to cause a computer system to perform a function;

2° **mutual legal assistance:** assistance in criminal matters to or from any foreign State;

3° **Competent Authority:** the Ministry in charge of justice, the authority in charge of public prosecution or the authority in charge of investigation;

4° **Central Authority:** the Ministry in charge of Foreign Affairs.

**Article 3: Définitions**

Dans la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes:

1° **données informatiques:** toute représentation de faits, d'informations ou de concepts sous une forme apte à être traitée dans un système informatique, y compris un programme approprié qui amène un système informatique à exécuter une fonction;

2° **entraide judiciaire:** entraide judiciaire en matière pénale à destination ou en provenance de tout État étranger;

3° **Autorité compétente :** le Ministère ayant la justice dans ses attributions, l'organe ayant la poursuite judiciaire dans ses attributions ou l'organe ayant l'investigation dans ses attributions;

4° **Autorité centrale :** le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions.

**UMUTWE WA II: UBUSABE BWOHEREJWE N'UBWAKIRIWE**

**Icyiciro cya mbere: Ubusabe bwoherejwe**

**Ingingo ya 4: Ubusabe bugenewe igihugu cy'amahanga**

Ubusabe bw'ubufatanye bugenewe igihugu cy'amahanga butegurwa n'Urwego rubifitiye ububasha hubahirijwe amategeko ya ngombwa akurikizwa mu Rwanda, bukohererezwa Urwego rw'Igihugu.

**Ingingo ya 5: Iyoherezwa ry'ubusabe**

Urwego rw'Igihugu rwoherereza igihugu cy'amahanga ubusabe bw'ubufatanye.

**Ingingo ya 6: Imiterere y'ubusabe bwoherejwe n'ibibukubiyemo**

Ubusabe bw'ubufatanye mu by'amategeko busabwa mu nyandiko igaragaza ibi bikurikira:

1° imiterere y'ubufatanye mu by'amategeko busabwa;

2° icyo ubufatanye mu by'amategeko

**CHAPTER II: OUTGOING AND INCOMING REQUESTS**

**Section One: Outgoing request**

**Article 4: Request to a foreign State**

A request for mutual assistance to a foreign State is prepared by the Competent Authority in conformity with relevant laws of Rwanda and sent to the Central Authority.

**Article 5: Transmission of request**

The Central Authority sends a request for mutual assistance to a foreign state.

**Article 6: Form and content of outgoing request**

A request for mutual legal assistance is made in writing and specifies the following:

1° the nature of the mutual legal assistance requested;

2° the purpose of the mutual legal

**CHAPITRE II: DEMANDES ENVOYÉES ET REÇUES**

**Section première: Demande envoyée**

**Article 4: Demande à un État étranger**

Une demande d'entraide à un État étranger est préparée par l'Autorité compétente conformément à la législation du Rwanda en la matière et envoyée à l'Autorité centrale.

**Article 5: Transmission d'une demande**

L'Autorité centrale envoie une demande d'entraide à un État étranger.

**Article 6: Forme et contenu de la demande envoyée**

Une demande d'entraide judiciaire est faite par écrit et indique ce qui suit:

1° la nature de l'entraide judiciaire demandée;

2° l'objet de l'entraide judiciaire

busabwa bugamije;

3° isano iri hagati y'ibikorwa nshinjabyaha byabereye mu Rwanda n'ubufatanye mu by'amategeko busabwa;

4° ibisobanuro birambuye kuri buri muhango usabwa kubahirizwa n'itegeko ryo mu Rwanda;

5° igihe ntarengwa ubusabe bwifuzwa kuba bwasubirijwemo, hakagaragazwa n'impamvu z'icyo gihe ntarengwa cyifuzwa;

6° imiterere y'igikorwa cy'inshinjabyaha, no kugaragaza niba cyaratangiye cyangwa kitaratangira gukurikiranwa;

7° impamvu yumvikana yemeza ko icyaha cyakozwe cyangwa kirimo gukorwa, hamwe n'imiterere y'ikibazo mu ncamake mu gihe ikurikirana ritari ryatangizwa;

8° ibisobanuro birambuye ku rukiko rufite ububasha mu ikurikirana;

9° umwirondoro w'ukekwaho icyaha;

10° icyaha cyangwa ibyaha akekwaho

assistance sought;

3° the link between the criminal matter that took place in Rwanda and the mutual legal assistance sought;

4° the details of any procedure that requires to be followed by law in Rwanda;

5° the time limit within which compliance with the request is desired, stating reasons for the suggested time limit;

6° the nature of the criminal matter, and indicating whether proceedings have been instituted or not;

7° a reasonable cause to believe that an offence has been or is being committed, with a summary of facts in case proceedings have not been instituted;

8° the details of the court exercising jurisdiction in the proceedings;

9° the identity of the suspect;

10° the offence(s) of which the person is

demandée;

3° le lien entre l'affaire pénale produite au Rwanda et l'entraide judiciaire demandée;

4° les détails de chaque procédure devant être respectée par la loi au Rwanda;

5° le délai dans lequel la réponse à la demande est souhaitée, en indiquant les raisons pour le délai suggéré;

6° la nature de l'affaire pénale en précisant si les poursuites ont été engagées ou non;

7° un motif raisonnable de croire qu'une infraction a été ou est en train d'être commise, avec un résumé des faits dans le cas où la poursuite n'a pas été engagée;

8° les détails de la juridiction compétente dans la procédure ;

9° l'identité du suspect ;

10° l'infraction ou les infractions dont la

kuba yarakoze, incamake y'imiterere y'ikibazo n'ibihano bishobora gutangwa;

11° aho ikurikirana rigeze, n'itariki yagenwe y'ibikorwa by'ikurikirana bizakurikiraho mu gihe ikurikirana ryaba ryaratangijwe;

12° andi makuru ya ngombwa yafasha mu gutanga igisubizo ku busabe.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Ubusabe bwakiriwe**

**<u>Ingingo ya 7</u>: Kwakira ubusabe**

Ubusabe bw'ubufatanye bwoherejwe n'igihugu cy'amahanga bwakirwa n'Urwego rw'Igihugu, rukabwohererreza Urwego rubifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Imiterere y'ubusabe bwakiriwe n'ibibukubiyemo**

Ubusabe bw'igihugu cy'amahanga bwanditse muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi bugaragaza ibi bikurikira:

1° izina ry'urwego rukora iperereza;

suspected to have committed, a summary of the facts and the penalties which may be imposed;

11° the stage reached in the proceedings, and any date fixed for further stages in the proceedings in case criminal proceedings have been instituted;

12° any other relevant information that may assist in giving effect to the request.

**<u>Section 2</u>: Incoming request**

**<u>Article 7</u>: Reception of request**

A request for mutual assistance from a foreign State is received by the Central Authority, which transmits it to the Competent Authority.

**<u>Article 8</u>: Form and content of incoming request**

The request from a foreign State drafted in one of the official languages indicates the following:

1° the name of the authority conducting the investigation;

personne est suspectée d'avoir commise (s), un résumé des faits et les sanctions qui peuvent être imposées;

11° l'étape de la procédure et toute date fixée pour les étapes ultérieures de la procédure au cas où une procédure pénale a été engagée;

12° toute autre information nécessaire pouvant aider à donner suite à la demande.

**<u>Section 2</u>: Demande reçue**

**<u>Article 7</u>: Réception de la demande**

Une demande d'assistance d'un État étranger est reçue par l'Autorité centrale, qui la transmet à l'Autorité compétente.

**<u>Article 8</u>: Forme et contenu de la demande reçue**

La demande d'un État étranger formulée dans l'une des langues officielles indique ce qui suit:

1° le nom de l'autorité qui conduit l'enquête;

2° ibisobanuro by'icyo ubusabe bw'ubufatanye bugamije n'imiterere y'ubufatanye busabwa;

3° ibikorwa by'iperereza, iby'inshinjabyaha cyangwa by'iburanisha birebwa n'ubusabe;

4° amazina y'umuntu ushobora gusubiza ibibazo birebana n'ubusabe n'aho abarizwa;

5° ibisobanuro by'ibikorwa nshinjabyaha, harimo inshamake y'ibikorwa byakozwe;

6° ibyaha n'ibihano birebwa n'ubusabe, niba hari ibihari;

7° umwirondoro w'ukekwa watumye ubufatanye busabwa;

8° andi makuru ya ngombwa yafasha kubonera igisubizo ubusabe.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Ishyirwa mu bikorwa ry'ubusabe**

Ubusabe bw'ubufatanye mu by'amategeko bwakiriwe buturutse mu gihugu cy'amahanga

2° a description of the purposes of the request for mutual assistance and the nature of the mutual assistance sought;

3° investigation, prosecution or judicial proceedings to which the request relates;

4° name and contact details of the person capable of responding to enquiries concerning the request;

5° a description of criminal matters, including a summary of the facts;

6° offences and penalties to which the request relates if applicable;

7° the identity of the suspect against whom mutual assistance is sought;

8° any other relevant information that may assist in giving effect to the request.

**<u>Article 9</u>: Implementation of a request**

A request for mutual legal assistance received from a foreign State that requires the

2° une description des objectifs de la demande d'entraide et la nature de l'entraide demandée;

3° les actes d'enquête, de poursuite ou judiciaires qui sont concernés par la demande;

4° le nom et les coordonnées de la personne capable de répondre aux questions concernant la demande;

5° une description de l'affaire pénale, comprenant le résumé des faits;

6° les infractions et peines sur lesquelles porte la demande, s'il y en a;

7° l'identité du suspect contre lequel l'entraide est demandée;

8° toute autre information utile qui peut aider à donner effet à la demande.

**<u>Article 9</u>: Exécution d'une demande**

La demande pour entraide judiciaire reçue d'un État étranger qui requiert une application d'un

bukenera ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo, uruhushya cyangwa ikindi cyemezo cy'urukiko busuzumwa hakurikijwe ibishingirwaho bimwe nk'aho ibikorwa nshinjabyaha byasabiwe ubufatanye byakorewe mu Rwanda.

Urwego rubifitiye ububasha rushobora kwemeza ko idosiye, inyandiko yose cyangwa ikindi kintu cyose gihuje n'umwimerere cyangwa guhamya ko ari imvaho mu buryo bwose bwemewe mu mategeko y'u Rwanda.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ubusabe ku bimenyetso byerekeye amakuru abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga**

Iyo ubusabe buturutse mu mahanga bwerekeye amakuru abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga, ayo makuru ashakwa, akabikwa kandi akoherezwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Igisubizo cy'ubusabe**

Nyuma yo gusuzuma buri busabe, Urwego rubifitiye ububasha rwohereza Urwego rw'Igihugu igisubizo cyabonetse, na rwo rukacyohereza igihugu cy'amahanga.

Ubusabe bw'ubufatanye mu by'amategeko bwatanzwe n'igihugu cy'amahanga

implementation of a warrant, authorisation or other court order is treated on the same basis as if the criminal matter upon which the request is based had arisen in Rwanda.

The Competent Authority may certify or authenticate any record, document or any other material, by any means to the extent permissible in the laws of Rwanda.

**<u>Article 10</u>: Request for evidence related to computer data**

When a request from a foreign State is related to computer data, the data is searched, kept and sent in accordance with the laws of Rwanda.

**<u>Article 11</u>: Outcome of the request**

After examination of a request, the Competent Authority forwards the outcome to the Central Authority, which transmits it to the foreign State.

A request for mutual legal assistance from a foreign State must not exceed three (3) months

mandat, d'une autorisation ou d'une autre ordonnance judiciaire est examinée au même fondement comme si les faits criminels sur base desquels la demande est faite, avaient été commis au Rwanda.

L'Autorité compétente peut certifier ou authentifier tout dossier, document ou toute autre pièce par tous les moyens permis selon la législation du Rwanda.

**<u>Article 10</u> : Demande de preuves relatives à des données informatiques**

Lorsqu'une demande d'un État étranger porte sur des données informatiques, ces données sont recherchées, conservées et envoyées conformément aux lois du Rwanda.

**<u>Article 11</u>: Résultat de la demande**

Après l'examen d'une demande, l'Autorité compétente envoie le résultat à l'Autorité centrale, qui le transmet à l'État étranger.

Une demande d'entraide judiciaire faite par un État étranger ne doit pas excéder trois (3) mois

ntibugomba kurenza amezi atatu (3) hataramenyeshwa igihugu cyasabye igisubizo cyangwa ibiri kubukorwaho.

**Ingingo ya 12: Impamvu zo kwanga ubusabe**

Urwego rubifitiye ububasha rushobora kutemera ubusabe bw'ubufatanye mu by'amategeko iyo:

1° ubusabe bwerekeranye n'iperereza, ikurikirana cyangwa ihana ry'icyaha gifitanye isano n'igikorwa cya politiki;

2° ubusabe bwerekeranye n'igikorwa kitari icyaha mu Rwanda;

3° imyitwarire yatumye habaho ubusabe igize icyaha gihanwa gusa n'amategeko ya gisirikare cyangwa n'amategeko arebana n'inshingano za gisirikare mu gihugu cy'amahanga;

4° kubahiriza ubusabe byanyuranya n'amategeko y'u Rwanda cyangwa byabangamira ubusugire bw'Igihugu, umutekano w'Igihugu, imibanire n'ibindi bihugu cyangwa inyungu z'Igihugu;

without communicating to the requesting State the outcome or progress.

**Article 12: Grounds for refusal of a request**

The Competent Authority may refuse a request for mutual legal assistance if:

1° the request is related to investigation, prosecution or punishment of an offence of a political nature;

2° the request is related to an act which is not an offence in Rwanda;

3° the conduct which is the subject of the request is an offence only under military law or a law relating to military obligations of a foreign State;

4° compliance with the request would be contrary to the laws of Rwanda, or would prejudice the national sovereignty, national security, international relations or national interests;

sans communiquer à l'État demandeur la réponse ou le progrès de son examen.

**Article 12: Raisons pour rejet d'une demande**

L'Autorité compétente peut rejeter la demande pour entraide judiciaire, si:

1° la demande est relative à l'enquête, à la poursuite ou à la répression d'une infraction à caractère politique;

2° la demande est relative à un acte qui ne constitue pas une infraction au Rwanda;

3° le comportement qui fait l'objet de la demande constitue seulement une infraction sous la législation militaire ou sous la législation relative aux obligations militaires d'un État étranger;

4° l'exécution de la demande serait contraire à la législation du Rwanda ou porterait préjudice à la souveraineté nationale, à la sécurité nationale, aux relations internationales ou aux intérêts du pays;

5° hari impamvu zifatika zituma hakekwa ko kubahiriza ubusabe byakoroshya iperereza, ikurikiranacyaha cyangwa ihanwa ry'umuntu hashingiwe ku bwoko, isano muzi, igitsina, idini cyangwa ubwenegihugu;

6° ibisabwa kubahirizwa kugira ngo ubusabe bwemerwe bidashobora gukorwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda;

7° ubusabe bwerekeranye n'ikurikiranwa ry'umuntu ku cyaha yagizweho umwere n'urukiko rubifitiye ububasha, yaherewe imbabazi zitangwa n'itegeko cyangwa yababariwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha mu kindi gihugu cyangwa yararangije igihano giteganywa n'amategeko y'icyo gihugu;

8° indi mpamvu iyo ari yo yose yumvikana ituma ubusabe butemerwa ibonetse.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Kugira ibanga no kugabanya ikoreshwa ry'amakuru cyangwa ibimenyetso**

5° there are substantial grounds to believe that compliance with the request would facilitate the investigation, prosecution or punishment of any person on account of race, ethnic origin, sex, religion or nationality;

6° the procedures required to be taken in order to comply with the request cannot under the laws of Rwanda be executed;

7° the request is related to the prosecution of a person for an offence of which the person has been acquitted by a competent tribunal or for which he or she has been granted amnesty or pardoned by a competent authority in another State or has executed the punishment provided for by the law of that State;

8° any other relevant ground for refusal arises.

**<u>Article 13</u>: Confidentiality and limitation of use of information or evidence**

5° il y a des raisons valables de croire que la réponse favorable à la demande pourrait faciliter l'enquête, la poursuite ou la répression d'une personne sur base de sa race, origine ethnique, sexe, religion ou nationalité;

6° les procédures nécessaires à entreprendre pour répondre favorablement à la demande sont impossibles sous la législation du Rwanda;

7° la demande est relative à la poursuite contre une personne pour une infraction pour laquelle elle a été acquittée par une juridiction compétente, amnistiée ou pardonnée par une autorité compétente ou pour laquelle elle a exécuté la peine prévue par la loi de cet État;

8° toute autre raison valable de refus apparaît.

**<u>Article 13</u>: Confidentialité et limitation de l'utilisation des informations ou des preuves**

Urwego rw'Igihugu n'Urwego rubifitiye ububasha zibika amakuru y'ibanga cyangwa ibimenyetso byoherejwe cyangwa byabonetse hashingiwe ku busabe bw'ubufatanye mu by'amategeko.

Amakuru yabonetse ntashobora gukoreshwa ku zindi mpamvu atari ku bikorwa nshinjabyaha byavuzwe mu busabe, keretse iyo:

1° iryo koreshwa cyangwa itangazwa ryemejwe mu nyandiko n'igihugu cy'amahanga;

2° ayo makuru cyangwa ibimenyetso byakoreshejwe cyangwa byagaragajwe mu rubanza rwabereye mu ruhame kandi ikoreshwa cyangwa itangazwa ryabyo ryari ryemewe;

3° ayo makuru cyangwa ibimenyetso byari bifitwe n'urwego bireba.

**<u>UMUTWE WA III</u>: KWEMERWA KW'IBIMENYETSO BYATANZWE N'IGIHUGU CY'AMAHANGA**

**<u>Ingingo ya 14</u>: Ikimenyetso giturutse mu gihugu cy'amahanga**

The Central Authority and Competent Authority keep confidential information or evidence sent or obtained pursuant to a request for mutual legal assistance.

The obtained information cannot be used for any purpose other than for the criminal matter stated in the request, except:

1° where such use or disclosure is consented to in writing by the foreign State;

2° where such information or evidence have been used or disclosed in any public judicial hearing in which its use or disclosure was permitted;

3° such information or evidence was already in the possession of the relevant Authority.

**<u>CHAPTER III</u>: ADMISSIBILITY OF EVIDENCE OBTAINED FROM A FOREIGN STATE**

**<u>Article 14</u>: Evidence from a foreign State**

L'Autorité centrale et l'Autorité compétente conservent les informations ou preuves confidentielles envoyées ou obtenues à la suite d'une demande d'entraide judiciaire.

Les informations obtenues ne peuvent être utilisées à d'autres fins que pour l'affaire pénale mentionnée dans la demande, sauf si:

1° cette utilisation ou divulgation est autorisée par écrit par l'État étranger;

2° ces informations ou preuves ont été utilisées ou divulguées lors d'une audience judiciaire publique au cours de laquelle leur utilisation ou leur divulgation a été autorisée;

3° ces informations ou preuves étaient déjà en possession de l'Autorité concernée.

**<u>CHAPITRE III</u>: RECEVABILITÉ DES PREUVES OBTENUES D'UN ÉTAT ÉTRANGER**

**<u>Article 14</u>: Preuve provenant d'un État étranger**

Ikimenyetso giturutse mu gihugu cy'amahanga cyemerwa hashingiwe ku mategeko y'u Rwanda.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Icyemezo cy'ishyikiriza**

Icyemezo cy'ishyikiriza ni inyandiko igihugu cyasabwe giha igihugu cyasabye nk'ikimenyetso cy'uko inyandiko zoherejwe n'igihugu cyasabye zatanzwe ku rwego bireba mu buryo buvugwa mu busabe.

Icyemezo cy'ishyikiriza cyatanzwe n'igihugu cyasabwe hashingiwe ku busabe bwo gushyikiriza inyandiko cyemerwa nk'ikimenyetso cy'uko inyandiko zatanzwe mu buryo bugaragazwa muri icyo cyemezo.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Dosiye, inyandiko cyangwa ikindi gikoresho kiva mu mahanga**

Dosiye, inyandiko cyangwa ikindi gikoresho byakiriwe nk'ikimenyetso gitanzwe n'ikindi gihugu hashingiwe ku busabe bw'ubufatanye mu by'amategeko mu buryo buteganyijwe n'iri tegeko cyemerwa mu mihango y'urukiko nk'aho cyaba cyaratangiwe mu Rwanda.

Ikimenyetso kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo giherekezwa n'inyandiko iriho

Evidence obtained from a foreign State is admissible according to the laws of Rwanda.

**<u>Article 15</u>: Certificate of service**

A certificate of service is a document that the requested State provides to the requesting State as evidence to prove that the documents submitted by the requesting State have been served on the relevant authority in a manner indicated in the request;

Any certificate of service provided by a foreign State pursuant to a request for service of documents is admissible as evidence that documents have been served in any manner indicated in the certificate.

**<u>Article 16</u>: Foreign record, document or other material**

Any record, document or other material obtained as evidence from a foreign State pursuant to a request for mutual legal assistance under this Law is admissible in court proceedings as it would have been obtained in Rwanda.

Evidence referred to under Paragraph One of this Article is accompanied by an affidavit or

La preuve obtenue d'un État étranger est recevable conformément à la législation du Rwanda.

**<u>Article 15</u>: Attestation de signification**

L'attestation de signification est un document que l'Etat requis fournit à l'État requérant comme preuve que les documents présentés par ce dernier ont été signifiés à l'autorité concernée d'une manière indiquée dans la demande;

Toute attestation de signification délivrée par un État étranger à la suite d'une demande de signification de documents est admissible comme preuve que les documents ont été signifiés de la manière indiquée dans l'attestation.

**<u>Article 16</u>: Dossier, document ou autre pièce d'origine étrangère**

Tout dossier, document ou autre pièce obtenu comme preuve d'un État étranger à la suite d'une demande d'entraide judiciaire en vertu de la présente loi est recevable dans les procédures judiciaires comme il aurait été obtenu au Rwanda.

La preuve visée à l'alinéa premier de la présente loi est accompagnée d'une déclaration

indahiro cyangwa indi ifite agaciro gahwanye na yo irebana n'iyo dosiye, inyandiko cyangwa ikindi gikoresho bitanzwe n'umuntu ubika cyangwa uzi iyo dosiye, inyandiko cyangwa ikindi gikoresho.

Inyandiko iriho indahiro cyangwa indi ifite agaciro gahwanye na yo itanzwe hashingiwe ku busabe bw'ubufatanye mu by'amategeko bwoherejwe n'igihugu cy'amahanga yemerwa nk'ikimenyetso cy'ibiyikubiyemo.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Ubuhamya butanzwe mu buryo bw'ikoranabuhanga**

Ubusabe bw'ubufatanye mu by'amategeko bushobora gukenera ko umutangabuhamya uri mu gihugu cy'amahanga atanga ubuhamya mu magambo mu ikurikiranacyaha cyangwa mu rubanza rubera mu Rwanda hakoreshejwe ikoranabuhanga rifasha abantu batari kumwe kuvugana barebana cyangwa ubundi buryo bwifashisha amajwi n'amashusho.

Ubuhamya butanzwe hifashishijwe ikoranabuhanga rifasha abantu batari kumwe kuvugana barebana cyangwa ubundi buryo bwifashisha amajwi n'amashusho hashingiwe ku busabe bw'ubufatanye mu by'amategeko bwohererejwe igihugu cy'amahanga bwemerwa ku rwego ubuhamya

its equivalent pertaining to such record, document or other material from the person who has custody or knowledge of such record, document or other material.

An affidavit or its equivalent provided pursuant to a request for mutual legal assistance from a foreign State is admissible as proof of its contents.

**<u>Article 17</u>: Testimony through information and communication technology**

A request for mutual legal assistance may require that a witness in a foreign State gives oral testimony in prosecution or proceedings in Rwanda via videoconferencing or other audio-visual means.

Testimony given by videoconferencing or other audio-visual means pursuant to a request for mutual legal assistance to a foreign State is admissible to the extent that the testimony would be admissible as if the witness himself or herself were in Rwanda.

sous serment ou de son équivalent relatif à un tel dossier, document ou autre pièce produit par la personne ayant la garde ou la connaissance d'un tel dossier, document ou autre pièce.

Une déclaration sous serment ou son équivalent fourni à la suite d'une demande d'entraide judiciaire faite par un État étranger est recevable comme preuve de son contenu.

**<u>Article 17</u>: Témoignage au moyen des technologies de l'information et de la communication**

Une demande d'entraide judiciaire peut exiger un témoignage oral d'un témoin résidant dans un État étranger dans le cadre d'une poursuite ou d'un procès qui se déroule au Rwanda par vidéoconférence ou par d'autres moyens audiovisuels.

Le témoignage déposé par vidéoconférence ou par d'autres moyens audiovisuels à la suite d'une demande d'entraide judiciaire présentée à un État étranger est recevable dans la mesure où le témoignage serait admis comme si le témoin lui-même était au Rwanda.

bwakwemerwaho nk'iyo umutangabuhamya ubwe aba ari mu Rwanda.

Umutangabuhamya utanga ubuhamya hashingiwe ku busabe bw'ubufatanye mu by'amategeko bwohererejwe igihugu cy'amahanga ntashobora guhatirwa gutanga ubuhamya.

Iyo umutangabuhamya yanze gutanga ubuhamya hifashishijwe amashusho n'amajwi yitwaje ko adashobora guhatirwa gutanga ubuhamya mu gihugu cy'amahanga, Urwego rubifitiye ububasha rushobora, rubinyujije ku Rwego rw'Igihugu, gusaba Urwego rw'Igihugu mu gihugu cy'amahanga ko rusaba Urwego rubifitiye ububasha muri icyo gihugu gufata inyandiko y'ubuhamya bw'uwo mutangabuhamya rukayohereza u Rwanda.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Kwakirwa kw'ibimenyetso biturutse mu makuru abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga**

Ibimenyetso biturutse mu makuru abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga byakirwa mu gihe byabonetse, byabitswe kandi byoherejwe mu Rwanda n'igihugu cy'amahanga.

A witness who gives testimony pursuant to a request for mutual legal assistance to a foreign State cannot be compelled to give testimony.

If a witness refuses to give audio-visual testimony on the ground that he or she cannot be compelled to give testimony in the foreign State, the Competent Authority may through the Central Authority request the Central Authority of the foreign State to request the Competent Authority in that State to take a deposition from the witness and transfer it to Rwanda.

**<u>Article 18</u>: Admissibility of evidence from computer data**

Computer data evidence is admissible if it is obtained, preserved and transferred to Rwanda by a foreign State.

Un témoin qui fait la déposition d'un témoignage à la suite d'une demande d'entraide judiciaire présentée à un État étranger ne peut pas être contraint de faire la déposition d'un témoignage.

Lorsqu'un témoin refuse de faire la déposition d'un témoignage audiovisuel sous prétexte qu'il ne peut pas être obligé de témoigner dans l'État étranger, l'Autorité compétente peut, par l'entremise de l'Autorité centrale, demander à l'Autorité centrale de l'État étranger de demander à l'Autorité compétente dans cet État de prendre une déposition du témoin et l'envoyer au Rwanda.

**<u>Article 18</u>: Recevabilité de preuves provenant des données informatiques**

Les preuves provenant des données informatiques sont recevables si elles sont obtenues, conservées et transférées au Rwanda par un État étranger.

**UMUTWE WA IV: UBUSABE BW'UBUFATANYE MU BIREBANA N'ABATANGABUHAMYA BABA MU RWANDA N'IBYEMEZO MVAMAHANGA**

**Icyiciro cya mbere: Ubufatanye burebana n'abatangabuhamya baba mu Rwanda**

**Ingingo ya 19: Ibimenyetso bitanzwe n'umutangabuhamya n'uburyo byakirwa**

Ubusabe bw'igihugu cy'amahanga busaba ko umuntu uri mu Rwanda atanga ikimenyetso mu rubanza rubera mu gihugu cy'amahanga bunyuzwa ku Rwego rw'Igihugu, bugashyikirizwa Urwego rubifitiye ububasha.

Urwego rubifitiye ububasha rufata icyemezo gisaba umutangabuhamya:

1° kwitaba ahantu hagenwe mu Rwanda kugira ngo atange ubuhamya hakoreshejwe ikoranabuhanga rifasha abantu batari kumwe kuvugana barebana cyangwa ubundi buryo bw'amajwi n'amashusho mu rubanza rurimo rubera mu gihugu cy'amahanga;

**CHAPTER IV: REQUEST FOR MUTUAL ASSISTANCE IN MATTERS RELATED TO WITNESSES IN RWANDA AND FOREIGN ORDERS**

**Section One: Mutual assistance related to witnesses residing in Rwanda**

**Article 19: Evidence from a witness and procedure for its reception**

A request from a foreign State for a person in Rwanda to give evidence in proceedings in a foreign State is made through the Central Authority to the Competent Authority.

The Competent Authority makes an order requiring the witness to:

1° appear in designated location within Rwanda to give a testimony via videoconferencing or other audio-visual means for proceedings held in a foreign State;

**CHAPITRE IV: DEMANDE D'ENTRAIDE EN MATIÈRES DE TÉMOINS RÉSIDANT AU RWANDA ET D'ORDONNANCES ÉTRANGÈRES**

**Section première: Entraide relative aux témoins résidant au Rwanda**

**Article 19: Preuves provenant d'un témoin et procédure de leur réception**

Une demande émanant d'un État étranger pour qu'une personne qui se trouve au Rwanda produise une preuve dans un procès qui se déroule dans un État étranger, est adressée à l'Autorité compétente par l'entremise de l'Autorité centrale.

L'Autorité compétente rend une ordonnance obligeant le témoin à:

1° comparaître dans un lieu désigné au Rwanda pour faire la déposition d'un témoignage par vidéoconférence ou par d'autres moyens audiovisuels dans un procès tenu dans un État étranger;

2° gusubiza ibibazo by'umuntu ugenwa n'Urwego rubifitiye ububasha;

3° gutanga inyandiko iriho indahiro yemeza ibyavuzwe birebana n'ubusabe, harimo n'ibisubizo ku bibazo byaba byabajijwe;

4° guha inyandiko yihariye, igikoresho cyangwa ikintu cyose yaba atunze cyangwa acunga umuntu wagenwe n'Urwego rubifitiye ububasha kugira ngo cyoherezwe mu gihugu cy'amahanga.

**<u>Ingingo 20</u>: Kwitaba k'umutangabuhamya uri mu Rwanda hifashishijwe ikoranabuhanga**

Iyo umutangabuhamya uri mu Rwanda yitabye mu iburanisha ribera mu gihugu cy'amahanga hakoreshejwe ikoranabuhanga rifasha abantu batari kumwe kuvugana barebana cyangwa ubundi buryo bw'amashusho n'amajwi, iburanisha rikorwa mu buryo butaziguye cyangwa rikayoborwa n'ubuyobozi bw'urukiko rwo mu gihugu cy'amahanga, haseguriwe ibisabwa byose birebana no kurengera uburenganzira

2° answer questions of a person designated by the Competent Authority;

3° provide an affidavit in relation to the request, including answers to any questions asked;

4° furnish any particular document or any article or thing within his or her possession or control, to a person designated by the Competent Authority for transmission to the foreign State.

**<u>Article 20</u>: Appearance of a witness residing in Rwanda through information and communication technology**

Where a witness in Rwanda appears in a hearing in a foreign State via videoconferencing or other audio-visual means, the hearing is conducted directly by or under the direction of the judicial authority of the foreign State subject to any condition for the protection of the rights of person as a witness under the laws of Rwanda.

2° répondre aux questions d'une personne désignée par l'Autorité compétente;

3° fournir une déclaration sous serment relative à la demande, comprenant les réponses à toutes les questions posées;

4° fournir tout document particulier ou tout élément ou objet en sa possession ou sous son contrôle, à une personne désignée par l'Autorité compétente pour transmission à l'État étranger.

**<u>Article 20</u>: Comparution d'un témoin résidant au Rwanda au moyen des technologies de l'information et de la communication**

Lorsqu'un témoin résidant au Rwanda comparaît dans une audience en cours dans un État étranger par le moyen de vidéoconférence ou d'autres moyens audiovisuels, l'audience est menée directement par ou sous la direction de l'autorité judiciaire de l'État étranger, sous réserve de toute condition de protection des droits d'un témoin prévue dans la législation du Rwanda.

bw'umutangabuhamya mu mategeko yo mu Rwanda.

Itariki n'ahantu iburanisha ryabereye, umwirondoro w'umutangabuhamya wumviswe, imyirondoro n'imirimo y'abandi bantu bose bagize uruhare mu iburanisha, indahiro cyangwa ukwemeza kwakozwe, ikimenyetso icyo ari cyo cyose cyafashwe cyangwa cyatanzwe na dosiye igaragaza ibimenyetso byafashwe cyangwa byerekanwe bitangwa n'Urwego rubifitiye ububasha ku Rwego rw'Igihugu kugira ngo rubishyikirize igihugu cy'amahanga.

Umutangabuhamya ntashobora guhatirwa gutanga ibimenyetso, harimo no gusubiza ibibazo cyangwa gutanga inyandiko, dosiye, ikintu cyangwa igikoresho cyose ku birebana n'ubusabe bw'ubufatanye mu by'amategeko butanzwe n'igihugu cy'amahanga atashoboraga guhatirwa gutanga mu iburanisha ry'imanza nshinjabyaha mu Rwanda cyangwa mu gihugu cy'amahanga.

Urwego rubifitiye ububasha rubinyujije ku rwego rw'Igihugu rusaba Urwego rw'igihugu mu mahanga ko Urwego rubifitiye ububasha muri icyo gihugu rwubahiriza ibisabwa byose mu miburanishirize no kurengera

The date and place of the hearing, the identity of the witness heard, the identities and functions of all other persons who participated in the hearing, any oath or affirmation made, any evidence taken or produced and the record indicating the evidence taken or produced are submitted by the Competent Authority to the Central Authority for transmission to the foreign State.

A witness cannot be compelled to give evidence, including to answer any question or produce any document, record, item or other material, in relation to any request for mutual legal assistance from a foreign State which he or she could not be compelled to give in criminal proceedings in Rwanda or in the foreign State.

The Competent Authority, through the Central Authority, requests the Central Authority of the foreign State for the Competent Authority in that State to comply with any condition for smooth running of proceedings and protection

La date et le lieu de l'audience, l'identité du témoin entendu, les identités et les fonctions de toutes les autres personnes qui ont participé à l'audience, tout serment ou affirmation faite, toute preuve recueillie ou produite et le dossier indiquant la preuve recueillie ou produite sont envoyés par l'Autorité compétente à l'Autorité centrale pour transmission à l'État étranger.

Un témoin ne peut pas être contraint de produire les preuves, y compris répondre à une quelconque question ou produire un document, dossier, article ou un autre objet, concernant une demande d'entraide judiciaire d'un État étranger qu'il ne pouvait pas être contraint de donner dans une procédure pénale au Rwanda ou dans l'État étranger.

L'Autorité compétente demande, par l'entremise de l'Autorité centrale, à l'Autorité centrale de l'État étranger que l'Autorité compétente dans cet État se conforme aux procédures de bon déroulement des procès et de

uburenganzira bw'umutangabuhamya nk'uko amategeko y'u Rwanda abiteganya.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Kohereza umuntu ufunzwe mu gihugu cy'amahanga**

Ubusabe bw'igihugu cy'amahanga bwo kohererezwa umuntu ufungiye mu Rwanda by'igihe gito hagamijwe gukora iperereza cyangwa kwitaba nk'umutangabuhamya mu rukiko rwo mu gihugu cy'amahanga bushyikirizwa Urwego rubifitiye ububasha.

Icyemezo cy'iyoherezwa gishyirwaho umukono n'Urwego rubifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Uburenganzira bw'umuntu ufunzwe usabirwa koherezwa mu gihugu cy'amahanga**

Kohereza umuntu ufunzwe mu gihugu cy'amahanga bikorwa gusa iyo yabyemeye mu nyandiko cyangwa ubundi buryo bwemewe n'amategeko. Iyo atabyemeye, ntashobora kubiha nirwa cyangwa kubihatirwa.

Umuntu uri kurangiriza igihano cy'igifungo mu Rwanda wafatiwe icyemezo cy'iyoherezwa afatwa nk'ukiri kurangiriza icyo gihano mu Rwanda.

of the rights of witness under the laws of Rwanda.

**<u>Article 21</u>: Transfer to a foreign State of a person in custody**

A request from a foreign State for the temporary transfer of a person in custody in Rwanda for the purposes of investigation or appearance as a witness before a court in a foreign State is to be made to the Competent Authority.

A transfer order is signed by the Competent Authority.

**<u>Article 22</u>: Rights of a person in custody whose transfer to a foreign State is requested**

The transfer of a person in custody to a foreign State can only be made with his or her consent in writing or any other means provided by Law. If he or she does not consent to the transfer, he or she is not liable to any penalty or measure of compulsion.

A person who is serving a sentence of imprisonment in Rwanda under a transfer order is considered as continuing to serve that sentence in Rwanda.

protection des droits des témoins prévues dans la législation du Rwanda.

**<u>Article 21</u>: Transfèrement vers un État étranger d'une personne détenue**

Une demande d'un État étranger du transfert temporaire d'une personne détenue au Rwanda pour des fins d'enquête ou de comparution comme témoin devant une juridiction d'un État étranger, est adressée à l'Autorité compétente.

L'ordonnance de transfert est signée par l'Autorité compétente.

**<u>Article 22</u>: Droits d'une personne détenue dont le transfert vers un État étranger est demandé**

Le transfert d'une personne détenue vers un État étranger ne se fait qu'avec son consentement par écrit ou tout autre moyen prévu par la loi. Si elle ne consent pas à ce transfert, elle n'est soumise ni à une peine ni à aucune mesure de contrainte.

Une personne qui exécute sa peine d'emprisonnement au Rwanda et qui est sous l'ordonnance de transfert est considérée comme si elle continue de purger sa peine au

Rwanda.

Iyo nta bubasha bwemewe n'amategeko bwo gukomeza gufunga uwoherejwe mu gihugu cy'amahanga bugihari, Urwego rw'Igihugu ruhita rubimenyesha igihugu cy'amahanga rusaba ko afungurwa.

Umuntu ufunzwe wafatiwe icyemezo cy'iyoherezwa mu mahanga ntashobora gusabirwa koherezwa nk'ukurikiranyweho icyaha.

Urwego rubifitiye ububasha rushobora gushyiraho ibisabwa bya ngombwa bitewe n'imiterere y'ubusabe, harimo ibyerekeranye no kurinda inyungu z'umuntu ufunzwe, kandi ibyo bisabwa bigakurikizwa ku busabe butanzwe n'igihugu cy'amahanga.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Ibisabwa mu gufata icyemezo cyo kohereza umuntu ufunzwe mu mahanga**

Urwego rubifitiye ububasha rufata icyemezo cyo kohereza umuntu ufunzwe mu mahanga iyo rumaze kubona neza ko:

1° hari amakuru ahagije yashingirwaho mu gufata icyemezo cyo kohereza umuntu ufunzwe;

If there ceases to be any lawful power to maintain a person in custody who has been transferred to a foreign State, the Central Authority immediately informs the foreign State to procure the release of the person.

A person who is held in custody and for whom a transfer order has been made cannot be subject to a request for extradition.

The Competent Authority may impose any conditions considered necessary depending on the nature of the request, including conditions that relate to the protection of the interests of the person in custody, and such conditions are applicable to the request from the foreign State.

**<u>Article 23</u>: Conditions for making a transfer order for a person in custody**

The Competent Authority makes a transfer order for a person in custody if it is satisfied that:

1° there is sufficient information upon which to make the transfer order;

S'il n'y a plus de pouvoir légal de maintenir la personne transférée à l'État étranger en détention, l'Autorité centrale informe l'État étranger pour demander sa liberté.

Une personne détenue sous l'ordonnance de transfert ne peut pas faire l'objet d'une demande d'extradition.

L'Autorité compétente peut imposer toutes les conditions jugées nécessaires en fonction de la nature de la demande, notamment les conditions relatives à la protection des intérêts de la personne détenue et ces conditions sont applicables à la demande d'un État étranger.

**<u>Article 23</u>: Conditions pour rendre une ordonnance de transfert d'une personne détenue**

L'Autorité compétente rend l'ordonnance de transfert d'une personne détenue lorsqu'elle est convaincue que:

1° il y a des informations suffisantes sur base desquelles elle rend l'ordonnance de transfert;

2° umuntu ufunzwe yabyemeye mu nyandiko kandi yumva neza ingaruka z'ukwemera kwe;

3° umuntu ufunzwe azafungwa mu buryo bukurikije amategeko mu gihugu cy'amahanga;

4° hari ingamba zifatika zo kurinda umutekano w'umuntu ufunzwe mu rugendo rwe, igihe ari cyangwa ava mu gihugu cy'amahanga;

5° hashyizweho uburyo bw'ikurikirana kugira ngo habungabungwe imibereho myiza y'umuntu ufunzwe woherejwe mu gihugu cy'amahanga;

6° hari igihe ntarengwa Urwego rubifitiye ububasha rw'Igihugu cy'amahanga rusaba ko umuntu ufunzwe agomba kuba yagaruwe mu Rwanda.

**<u>Ingingo ya 24</u>: Ibikubiye mu busabe bwo kohereza mu gihugu cy'amahanga umuntu ufunzwe**

Ubusabe bwo kohereza mu gihugu cy'amahanga umuntu ufunzwe buba bukubiyemo ibi bikurikira:

2° the person in custody has given his or her consent in writing and understands the consequences of his or her consent;

3° the person in custody will be lawfully confined in the foreign State;

4° there are adequate measures to ensure the security of the person in custody during his or her travel, stay and return from the foreign State;

5° a monitoring framework has been put in place to ensure the well-being of the person in custody transferred to the foreign State;

6° there is a period of time within which the Competent Authority of a foreign State requires the person in custody to be returned to Rwanda.

**<u>Article 24</u>: Content of a transfer request of a person in custody**

A request for transfer of a person in custody to a foreign State includes the following:

2° la personne détenue a consenti par écrit et comprend les conséquences de son consentement;

3° la personne détenue sera incarcérée légalement dans l'État étranger;

4° il y a des mesures adéquates d'assurer la sécurité de la personne détenue durant son voyage, séjour et retour en provenance de l'État étranger;

5° un cadre de suivi a été mis en place pour assurer le bien-être de la personne détenue transférée à l'État étranger;

6° il y a un délai avant l'expiration duquel l'Autorité compétente d'un État étranger exige que la personne détenue soit retournée au Rwanda.

**<u>Article 24</u>: Contenu de la demande de transfert d'une personne détenue**

Une demande de transfert d'une personne détenue vers un pays étranger comprend ce qui suit:

1° izina ry'umuntu ufunzwe;

2° aho afungiwe;

3° uburemere bw'ikibazo gisaba ko iperereza ku muntu ufunzwe rikorwa;

4° impamvu zigaragaza ko kohereza umuntu ufunzwe ari byo bikenewe kurusha gukoresha ikoranabuhanga rifasha abantu batari kumwe kuvugana barebana cyangwa uburyo bw'amajwi n'amashusho;

5° inyandiko yemeza ko ibikubiye mu gace ka 3º, aka 4º, aka 5º n'aka 6º tw'ingingo ya 23 y'iri tegeko bizubahirizwa;

6° andi makuru yose ya ngombwa yafasha kwemera ubusabe.

**Icyiciro cya 2: Ibyemezo by'igihugu cy'amahanga**

**Ingingo ya 25: Icyemezo cy'agateganyo cy'ihagarika, ibuza cyangwa ifatira**

1° the name of the person in custody;

2° the place where the person is in custody;

3° the relevance of the matter upon which the investigation of the person in custody is sought;

4° the reasons why the transfer is more important than using the videoconferencing or audio-visual means;

5° a document certifying that the content of items 3º, 4º, 5º and 6º of Article 23 of this Law will be respected;

6° any other relevant information that may assist in giving effect to the request.

**Section 2: Orders from a foreign State**

**Article 25: Interim freezing, restraint or seizure order**

1° le nom de la personne détenue;

2° le lieu de détention;

3° la pertinence de l'affaire pour laquelle l'enquête sur la personne détenue est recherchée;

4° les raisons pour lesquelles le transfert est plus important que l'utilisation de vidéoconférence ou des moyens audio-visuels;

5° un document attestant que le contenu des points 3º, 4º, 5º et 6º de l'article 23 de la présente loi sera respecté;

6° toute autre information de nature à faciliter l'acceptation de la demande.

**Section 2: Ordonnances d'un État étranger**

**Article 25: Ordonnance provisoire de gel, de blocage ou de saisie**

Ubusabe bw'igihugu cy'amahanga bw'ifatwa ry'icyemezo cy'agateganyo cy'ihagarika, ibuza cyangwa ifatira ry'ibikorwa birebana n'umutungo wagaragajwe uri mu Rwanda bushyikirizwa Urwego rubifitiye ububasha.

Urwego rubifitiye ububasha rushobora kwemera ubusabe iyo hari impamvu zumvikana zituma rwemera ko icyo cyemezo cy'ihagarika, ibuza cyangwa ifatira ry'ibikorwa ku birebana n'uwo mutungo cyubahirije amategeko y'u Rwanda.

Urwego rubifitiye ububasha rubyibwirije cyangwa rubisabwe rushobora guhindura cyangwa gukuraho icyemezo iyo:

1° rwemera ko kubikora biri mu nyungu rusange hashingiwe ku ngorane z'ubukungu cyangwa izindi ngaruka zaterwa no kugumishaho icyo cyemezo;

2° hari impamvu zo gukeka ko icyemezo cy'ihagarika, ibuza cyangwa ifatira kitagifite agaciro mu gihugu cy'amahanga.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Kwemera no gushyira mu bikorwa icyemezo cyo mu mahanga**

A request from a foreign State for an order of an interim freezing, restraint or seizure of dealings with a specified property in Rwanda is made to the Competent Authority.

The Competent Authority may grant the request if there are reasonable grounds to believe that the order to freeze, restrain or seize dealings of the specified property is in accordance with the laws of Rwanda.

The Competent Authority may, on its own initiative or upon request, vary or discharge an order if:

1° convinced that it is in the public interest to do so having regard to any financial hardship or other consequence of the order remaining in force;

2° there are reasons to believe that a freezing, restraint or seizure order is no longer valid in a foreign State.

**<u>Article 26</u>: Recognition and enforcement of a foreign order**

La demande d'un État étranger d'une ordonnance de gel, de blocage ou de saisie des transactions concernant une propriété spécifiée située au Rwanda est adressée à l'Autorité compétente.

L'Autorité compétente peut accepter la demande quand il y a des raisons valables de croire que l'ordonnance de gel, de blocage ou saisie des transactions relative à la propriété spécifiée est en conformité avec la législation du Rwanda.

L'Autorité compétente peut de sa propre initiative ou sur demande, modifier ou révoquer l'ordonnance si:

1° elle est convaincue que c'est dans l'intérêt public de le faire compte tenu des difficultés financières ou autres conséquences de garder cette ordonnance valide.

2° il y a des raisons de présumer que l'ordonnance de gel, de blocage ou de saisie n'est plus valide dans l'État étranger.

**<u>Article 26</u>: Reconnaissance et exécution d'une ordonnance étrangère**

Ubusabe bw'igihugu cy'amahanga bwo kwemera no gushyira mu bikorwa icyemezo cy'urukiko cyabaye ndakuka cy'ihagarika, ibuza cyangwa ifatira ry'umutungo wagaragajwe uri mu Rwanda bugomba kuba burimo kopi yemejwe ko ihuje n'iy'umwimerere y'icyemezo cy'ihagarika, ibuza cyangwa ifatira ry'umutungo wagaragajwe cyafashwe n'urukiko ruri mu gihugu cy'amahanga.

Urwego rubifitiye ububasha rushobora kwemera ubusabe iyo bigaragaye ko icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo cyafashwe mu gihugu cy'amahanga.

Icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo cyafashwe mu buryo bukwiye kigira agaciro nk'ak'icyemezo cy'ihagarika, ibuza cyangwa ifatira cyafashwe n'urukiko rwo mu Rwanda kandi gishyirwa mu bikorwa nk'icyemezo cy'urwo rukiko.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Gusaba kuvanaho cyangwa guhindura icyemezo cyo mu mahanga**

Iyo icyemezo cy'urukiko cyabaye ndakuka cyafashwe mu buryo bukwiye, umuntu wese uvuga ko afite inyungu ku mutungo wafashweho icyemezo, ashobora gusaba ko icyo cyemezo kivanwaho cyangwa

A request from a foreign State to recognize and enforce a final court order to freeze, restrain or seize a specified property in Rwanda must include a certified copy of the order of freezing, restraining or seizing the specified property that has been issued by the court in that foreign State.

The Competent Authority may grant a request if it appears that the order referred to in Paragraph One of this Article has been issued in the foreign State.

The order referred to in Paragraph One of this Article that was issued in a valid way has the same value as a freezing, restraint or seizure order made by a court in Rwanda and is enforceable as a judgment of that court.

**<u>Article 27</u>: Application to discharge or vary an order from a foreign State.**

When a final court order has been made in a valid way, any person who claims an interest in the property related to the order may apply to discharge or vary the order.

La demande d'un État étranger de reconnaître et d'exécuter une ordonnance judiciaire définitive de gel, de blocage ou de saisie d'une propriété spécifiée se trouvant au Rwanda doit inclure une copie certifiée de l'ordonnance de gel, de blocage ou de saisie de la propriété spécifiée délivrée par une juridiction sise dans l'État étranger.

L'Autorité compétente peut accepter la demande lorsqu'il apparait que l'ordonnance visée à l'alinéa premier du présent article a été rendue dans l'État étranger.

L'ordonnance visée à l'alinéa premier du présent article qui a été rendue de manière valide a la même valeur qu'une ordonnance de gel, de blocage ou de saisie rendue par une juridiction du Rwanda et elle est exécutoire comme un jugement rendu par cette juridiction.

**<u>Article 27</u>: Demande de révocation ou de modification d'une ordonnance rendue dans un État étranger**

Lorsqu'une ordonnance judiciaire définitive a été rendue de manière valide, toute personne qui prétend avoir un intérêt dans la propriété liée à l'ordonnance peut demander la révocation ou la modification de l'ordonnance

gihindurwa.

Urwego rubifitiye ububasha rushobora guhindura cyangwa kuvanaho icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo hari impamvu yumvikana yemeza ko kubikora biri mu nyungu rusange ugereranyije n'ingorane z'ubukungu cyangwa izindi ngaruka zaterwa no kugumishaho icyo cyemezo.

The Competent Authority can vary or discharge the order referred to in Paragraph One of this Article if there is reasonable ground to believe that it is in the public interest to do so having regard to any financial hardship or other consequence of the order remaining in force.

L'Autorité compétente peut modifier ou révoquer l'ordonnance visée à l'alinéa premier du présent article s'il y a une raison valable de croire qu'il est de l'intérêt public de le faire par rapport aux difficultés financières ou autres conséquences de garder cette ordonnance valide.

## UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

## CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

## CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

### Ingingo ya 28: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

### Article 28: Drafting, consideration and adoption of this Law

### Article 28: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

### Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

### Article 29: Repealing provision

### Article 29: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

### Ingingo ya 30: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

### Article 30: Commencement

### Article 30: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi

This Law comes into force on the date of its

La présente loi entre en vigueur le jour de sa

ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 05/02/2021

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic**:
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

**ITEGEKO N° 006/2021 RYO KU WA 05/02/2021 RYEREKEYE GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI**

**LAW N° 006/2021 OF 05/02/2021 ON INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION**

**LOI N° 006/2021 DU 05/02/2021 RELATIVE À LA PROMOTION ET À LA FACILITATION DES INVESTISSEMENTS**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIÈRES**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: KOROHEREZA ISHORAMARI**

**Icyiciro cya mbere: Ibyo umushoramari yemerewe**

**Ingingo ya 3: Ishoramari rifunguye**

**Ingingo ya 4: Inzego z'ubukungu zitabwaho mbere y'izindi**

**Ingingo ya 5: Imishinga y'ishoramari rirambye**

**Ingingo ya 6: Ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions**

**CHAPTER II: INVESTMENT FACILITATION**

**Section One: Guarantees to the investor**

**Article 3: Openness to investment**

**Article 4: Priority economic sectors**

**Article 5: Strategic investment projects**

**Article 6: Investment incentives**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions**

**CHAPITRE II: FACILITATION DES INVESTISSEMENTS**

**Section première: Garanties à un investisseur**

**Article 3: Ouverture à l'investissement**

**Article 4: Secteurs économiques prioritaires**

**Article 5: Projets d'investissements stratégiques**

**Article 6: Incitants à l'investissement**

**Ingingo ya 7: Ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyogera bitangwa n'Inama y'Abaminisitiri**

**Ingingo ya 8: Iyemezwa ry'imishinga y'ishoramari rirambye n'ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyongera**

**Ingingo ya 9: Uko umushoramari w'umunyamahanga afatwa mu Gihugu**

**Ingingo ya 10: Kurengera ishyingu n'umutungo by'umushoramari**

**Ingingo ya 11: Kurengera uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge mu by'ishoramari**

**Ingingo ya 12: Gusohora mu gihugu ishyingu n'umutungo**

**Ingingo ya 13: Gukemura impaka**

**Ingingo ya 14: Ibindi umushoramari yemerewe**

**Icyiciro cya 2: Inzego zigira uruhare mu korohereza ishoramari**

**Article 7: Investment incentives granted by the Cabinet**

**Article 8: Approval of strategic investment projects and corresponding additional investment incentives**

**Article 9: Foreign investor treatment in the country**

**Article 10: Protection of the investor's capital and assets**

**Article 11: Protection of intellectual property rights in relation to investment**

**Article 12: Repatriation of capital and assets**

**Article 13: Dispute settlement**

**Article 14: Other guarantees to an investor**

**Section 2: Institutional arrangement in investment facilitation**

**Article 7: Incitants à l'investissement accordées par le Conseil des Ministres**

**Article 8: Approbation des projets d'investissement stratégique et des incitants à l'investissement supplémentaires**

**Article 9: Traitement d'un investisseur étranger dans le pays**

**Article 10: Protection du capital et du patrimoine de l'investisseur**

**Article 11: Protection des droits à la propriété intellectuelle en matière d'investissement**

**Article 12: Rapatriement du capital et du patrimoine**

**Article 13: Règlement des différends**

**Article 14: Autres garanties à un investisseur**

**Section 2: Arrangement institutionnel en matière de facilitation de l'investissement**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 15: Komite ishinzwe ishoramari ryigenga** | **Article 15: Private Investment Committee** | **Article 15: Comité des investissements privés** |
| **Ingingo ya 16: Uruhare rw'Urwego mu guteza imbere no korohereza ishoramari** | **Article 16: Role of the Board in investment promotion and facilitation** | **Article 16: Rôle de l'Office dans la promotion et la facilitation des investissements** |
| **UMUTWE WA III: KWANDIKISHA ISHORAMARI N'ICYEMEZO CY'ISHORAMARI** | **CHAPTER III: INVESTMENT REGISTRATION AND INVESTMENT CERTIFICATE** | **CHAPITRE III: ENREGISTREMENT D'UN INVESTISSEMENT ET CERTIFICAT D'INVESTISSEMENT** |
| **Icyiciro cya mbere: Kwandikisha ishoramari** | **Section One: Investment registration** | **Section première: Enregistrement d'un investissement** |
| **Ingingo ya 17: Ubusabe bwo kwandikisha ishoramari** | **Article 17: Application for investment registration** | **Article 17: Demande d'enregistrement d'un investissement** |
| **Ingingo ya 18: Isuzuma ry'ubusabe bwo kwandikisha ishoramari** | **Article 18: Consideration of an application for investment registration** | **Article 18: Examen d'une demande d'enregistrement d'un investissement** |
| **Icyiciro cya 2: Icyemezo cy'ishoramari** | **Section 2: Investment certificate** | **Section 2: Certificat d'investissement** |
| **Ingingo ya 19: Agaciro k'icyemezo cy'ishoramari** | **Article 19: Validity of an investment certificate** | **Article 19: Validité d'un certificat d'enregistrement** |
| **Ingingo ya 20: Ibigize idosiye y'ubusabe bw'iyongerwa ry'igihe icyemezo cy'ishoramari kimara** | **Article 20: Content of an application file for renewal of an investment certificate** | **Article 20: Contenu d'un dossier de demande de renouvellement d'un certificat d'investissement** |
| **Ingingo ya 21: Isuzuma ry'ubusabe bwo kongerera igihe icyemezo cy'ishoramari** | **Article 21: Consideration of an application for an investment certificate renewal** | **Article 21: Examen d'une demande de renouvellement d'un certificat d'investissement** |

**Ingingo ya 22: Impamvu zo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari**

**Ingingo ya 23: Uburyo bwo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari**

**Ingingo ya 24: Kujuririra icyemezo cyo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari**

**Ingingo ya 25: Inkurikizi zo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari**

**UMUTWE WA IV: INSHINGANO Z'UMUSHORAMARI WANDITSWE**

**Ingingo ya 26: Inshingano z'umushoramari wanditswe**

**UMUTWE WA V: GUHINDURA, GUHAGARIKA NO KUREKA IBIKORWA BY'ISHORAMARI**

**Ingingo ya 27: Kumenyesha Urwego ihinduka, ihagarikwa n'irekwa ry'ibikorwa by'ishoramari**

**Ingingo ya 28: Ibyemezo by'urwego nyuma y'ihinduka ry'ibikorwa by'ishoramari**

**Article 22: Grounds for cancellation of an investment certificate**

**Article 23: Procedure for the cancellation of an investment certificate**

**Article 24: Appeal against a decision of cancellation of an investment certificate**

**Article 25: Effects of cancellation of an investment certificate**

**CHAPTER IV: OBLIGATIONS OF A REGISTERED INVESTOR**

**Article 26: Obligations of a registered investor**

**CHAPTER V: CHANGE, SUSPENSION AND TERMINATION OF INVESTMENT OPERATIONS**

**Article 27: Notification to the Board of change, suspension or termination of investment operations**

**Article 28: Measures taken by the Board after notification of change of investment operations**

**Article 22: Motifs d'annulation d'un certificat d'investissement**

**Article 23: Procédure d'annulation d'un certificat d'investissement**

**Article 24: Recours contre une décision d'annulation d'un certificat d'investissement**

**Article 25: Effets d'annulation d'un certificat d'investissement**

**CHAPITRE IV: OBLIGATIONS D'UN INVESTISSEUR ENREGISTRÉ**

**Article 26: Obligations d'un investisseur enregistré**

**CHAPITRE V: CHANGEMENT, SUSPENSION ET CESSATION DES ACTIVITÉS D'INVESTISSEMENT**

**Article 27: Notification à l'Office du changement, de la suspension ou de la cessation des activités d'investissement**

**Article 28: Mesures prises par l'Office après notification du changement des activités d'investissement**

**UMUTWE WA VI: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 29: Igihe cyo gukomeza guhabwa ibyemezo bishishikariza ishoramari**

**Ingingo ya 30: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 31: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 32: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 29: Period for continuing to benefit from investment incentives**

**Article 30: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 31: Repealing provision**

**Article 32: Commencement**

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 29: Période pour continuer à bénéficier d'incitants à l'investissement**

**Article 30: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 31: Disposition abrogatoire**

**Article 32: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N° 006/2021 RYO KU WA 05/02/2021 RYEREKEYE GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Mutarama 2021;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 122, iya 164 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko nº 06/2015 ryo ku wa 28/03/2015 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari;

**LAW N° 006/2021 OF 05/02/2021 ON INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its sitting of 20 January 2021;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122, 164 and 176;

Having reviewed Law n° 06/2015 of 28/03/2015 relating to investment promotion and facilitation;

**LOI N° 006/2021 DU 05/02/2021 RELATIVE À LA PROMOTION ET À LA FACILITATION DES INVESTISSEMENTS**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 janvier 2021;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122, 164 et 176;

Revu la Loi n° 06/2015 du 28/03/2015 portant promotion et facilitation des investissements ;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **ugoboka mu ishoramari:** umuntu ku giti cye utera inkunga y'imari ibigo bikivuka na byo bikamwemerera imigabane mu mari shingiro cyangwa uruhare mu igabana ry'inyungu muri sosiyete;

2° **inyandiko z'agaciro zishingiwe:** inyandiko z'agaciro zifite ibizikomokaho bishamikiye ku mitungo, bikoreshwa mu kwishyura;

3° **Urwego:** urwego rufite mu nshingano guteza imbere ishoramari mu Rwanda;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

The purpose of this Law is to promote and facilitate investment in Rwanda.

**Article 2: Definitions**

In this Law, the following terms are defined as follows:

1º **angel investor:** an individual who provides financial backing for start-ups in exchange for ownership equity or quasi equity in the company;

2º **asset-backed securities:** financial securities whose accessories derived from assets are used for payment;

3º **Board:** organ in charge of investment promotion in Rwanda;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi a pour objet la promotion et la facilitation des investissements au Rwanda.

**Article 2: Définitions**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1º **investisseur providentiel:** personne physique qui apporte un soutien financier aux sociétés commerciales naissantes en échange d'une participation au capital ou de quasi-participation dans la société;

2º **titres adossés à des actifs:** titres financiers dont les accessoires dérivant du patrimoine sont utilisés pour le paiement;

3º **Office:** organe ayant dans ses attributions la promotion des investissements au Rwanda;

4° **ibikorwa by'isosiyete bikorwa n'indi sosiyete:** amasezerano isosiyete y'inyamahanga igirana n'isosiyete yo mu Rwanda kugira ngo iyikorere bimwe mu bikorwa byayo mu Rwanda;

5° **ishyingu:** igishoro kigizwe n'umutungo ufatika cyangwa udafatika ukoreshejwe hagamijwe ishoramari;

6° **ubwishingizi bushingiye ku buryozwe bw'isosiyete umwishingizi ashamikiyeho:** ubwishingizi bwemera gusa uburyozwe bushingiye ku byateza igihombo isosiyete mbyeyi n'ibigo biri mu miterere y'itsinda rimwe hakurikijwe amategeko abigenga**;**

7° **Ikigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe:** ubwoko bw'ikigega aho amasezerano yo gukusanya no gushyira hamwe amafaranga aturutse mu bashoramari cyangwa mu bandi bafatanyabikorwa kugira ngo ashorwe mu nyungu za buri mufatanyabikorwa cyangwa buri mushoramari uhagarariwe n'imigabane ye yashowe;

8° **umutunganyantara:** umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi, ubufatanye

4º **business process outsourcing:** an agreement where a foreign company outsources in Rwanda some of its business functions to a company operating in Rwanda;

5º **capital:** a wealth in the form of tangible or intangible assets used for investment purposes;

6º **captive insurance scheme:** a business aimed at undertaking liability solely to the risks of the parent company and entities within the same group structure in accordance with relevant laws;

7º **Collective Investment Scheme:** a type of scheme where there is an arrangement for collecting and pooling funds from investors or participants for the purpose of investment in the interest of each participant or investor represented by his or her proportional ownership in the pool;

8º **developer:** an individual, a company, commercial partnership or any other

4º **externalisation des processus de société:** accord par lequel une société étrangère externalise au Rwanda certaines de ses activités à une société opérant au Rwanda;

5º **capital:** patrimoine sous forme d'actifs corporels ou incorporels utilisé à des fins d'investissement;

6º **régime d'assurance captive:** activité d'assurance visant à assumer uniquement la responsabilité des risques de la société mère et des entités au sein de la même structure de groupe conformément à la législation en la matière;

7º **Fonds d'investissement collectif:** type de fonds dans lequel il existe un accord pour collecter et mettre en commun des fonds provenant des investisseurs ou des participants à des fins d'investissement dans l'intérêt de chaque participant ou de chaque investisseur représenté par sa participation proportionnelle dans la mise en commun;

8º **promoteur:** personne physique, société commerciale, partenariat commercial ou

mu bucuruzi cyangwa ikindi kigo gifite ubuzimagatozi bakora ibikorwa by'ubwubatsi cyangwa indi mirimo yerekeye imitungo itimukanwa ifatika mu cyanya cyihariye mu guteza imbere guhanga udushya mu ikoranabuhanga cyangwa mu cyanya cy'inganda;

9° **ikinyabiziga gikoresha ingufu z'amashanyarazi:** ikinyabiziga kigenda gikoresheje ingufu z'amashanyarazi mu mikorere yacyo yose cyangwa mu gice **c**yacyo;

10° **kohereza mu mahanga:** gucuruza ibintu cyangwa serivisi hanze y'u Rwanda;

11° **ahantu hatunganyirizwa ibyoherezwa mu mahanga:** ahantu hagenwe kandi hagenzurwa hatunganyirizwa ibicuruzwa hagamijwe kubyohereza mu mahanga;

12° **serivisi z'impuguke zigenewe umuryango:** serivisi zitangwa zirimo gucunga ibikorwa by'ishoramari ry'umuryango cyangwa kuwugira inama za kinyamwuga mu rwego rw'imari;

legal entity that is involved in the construction or operations of the real estate of a specialised innovation park or specialised industrial park;

9º **electric mobility:** a vehicle which is fully or partly powered electrically;

10º **export:** sending goods or services outside Rwanda for sale;

11º **export processing zone:** a predetermined and controlled area used for processing goods that are subject to control for export purposes;

12º **family office services:** services that include managing family investments or providing financial professional support to the family;

toute autre entité juridique impliqué dans la construction ou dans les opérations des biens immobiliers du parc d'innovation spécialisé ou du parc industriel spécialisé;

9º **mobilité électrique:** véhicule qui est entièrement ou partiellement alimenté en électricité;

10º **exportation:** envoi de biens ou de services à l'extérieur du Rwanda pour les commercialiser;

11º **zone franche d'exportation:** espace prédéterminé et contrôlé destiné à la transformation de biens soumis au contrôle à des fins d'exportation;

12º **services de gestion de patrimoine familial:** services qui comprennent la gestion des investissements familiaux et la fourniture d'un soutien financier professionnel à la famille;

13° **ikigo cy'ubucuruzi gitanga inama mu rwego rw'imari:** ikigo gikora imirimo y'ubucuruzi gitanga inama cyangwa cyamamaza ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, inyandiko z'agaciro, inyandiko z'ubwishingizi ku buzima, ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe, amasezerano nzagihe cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi bw'amadevise;

14° **ikigo cy'ubucuruzi gitanga serivisi z'imari ku ikodeshagurisha:** ikigo cy'ubucuruzi gitanga serivisi z'inguzanyo mu rwego rw'imari hatanzwe uburenganzira ku mutungo;

15° **ikigo cy'ubucuruzi gitanga serivisi z'ikoranabuhanga mu by'imari:** ikigo gitanga cyangwa gihanga porogaramu z'ikoranabuhanga zifasha muri serivisi zijyanye n'imari;

16° **umushoramari w'umunyamahanga:**

a) umuntu ku giti cye utari Umunyarwanda, udakomoka mu gihugu kigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, mu Muryango w'Ubuhahirane bw'Ibihugu bya Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba cyangwa mu

13º **financial advisory commercial entity:** a commercial entity that provides advice or marketing on capital markets products, securities, life policies, collective investment scheme including unit trusts, future contracts, or foreign exchange transactions;

14º **finance lease commercial entity:** a commercial entity that offers lending services against the right of an asset;

15º **financial technology commercial entity:** a commercial entity that provides or develops technology solution to support financial services;

16º **foreign investor:**

a) an individual who is not a Rwandan national or a resident of a Partner State of the East African Community or of a member State of the Common Market for Eastern and Southern Africa or of a member State of any other Common Market

13º **entité commerciale de conseil financier:** entité commerciale qui fournit des conseils ou fait le marketing des produits du marché de capitaux, des titres, des polices d'assurance-vie, des fonds d'investissement collectif, y compris des fonds d'investissement à participation unitaire, des contrats futurs ou des opérations d'échange de devises;

14º **entité commerciale de crédit-bail:** entité commerciale qui offre des services financiers de prêt contre le droit d'un bien;

15º **entité commerciale de technologie financière:** entité commerciale qui fournit ou qui développe une solution technologique pour soutenir les services financiers;

16º **investisseur étranger:**

a) une personne physique qui n'est pas citoyen du Rwanda ou d'un État membre de la Communauté d'Afrique de l'Est ou du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe ou d'un État membre de tout autre protocole du marché commun

wundi Muryango w'isoko rusange u Rwanda rubereye umunyamuryango;

b) umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi bitanditswe mu Rwanda, mu gihugu kigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, mu Muryango w'Ubuhahirane bw'Ibihugu bya Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba cyangwa mu wundi Muryango w'isoko rusange u Rwanda rubereye umunyamuryango;

c) isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi byanditswe mu Rwanda, yashoye imari ihwanye nibura na mirongo itanu na rimwe ku ijana (51%) mu mutungo shingiro uva mu mahanga mu bihugu bitari ibigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, mu Muryango w'Ubuhahirane bw'Ibihugu bya Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba cyangwa mu wundi Muryango w'isoko rusange u Rwanda rubereye umunyamuryango;

17° **Ikigega:** ikigega cy'ishoramari ry'abishyize hamwe;

Protocol that the Government of Rwanda enters into;

b) an individual, a company or a partnership not registered in Rwanda, in a Partner State of the East African Community or in a member State of the Common Market for Eastern and Southern Africa or of a member State of any other Common Market Protocol that the Government of Rwanda enters into;

c) a company or a partnership registered in Rwanda whose foreign capital is from countries other than Partner States of the East African Community or member States of the Common Market for Eastern and Southern Africa or of a member State of any other Common Market Protocol that the Government of Rwanda enters into and is at least fifty-one per cent (51%) of the invested capital following an agreement between Rwanda and their country of origin;

17º **fund:** a collective investment scheme;

que le gouvernement du Rwanda a conclu;

b) une personne physique, une société commerciale ou un partenariat non enregistré au Rwanda, dans un État membre de la Communauté d'Afrique de l'Est ou du Marché Commun des États de l'Afrique Orientale et Australe ou d'un État membre de tout autre protocole du marché commun que le gouvernement du Rwanda a conclu;

c) une société commerciale ou un partenariat enregistré au Rwanda dont le capital étranger provient de pays autres que les États membres de la Communauté d'Afrique de l'Est ou du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe ou d'un État membre de tout autre protocole du marché commun que le gouvernement du Rwanda a conclu et représente au moins cinquante et un pourcent (51%) du capital investi suite à un accord entre le Rwanda et les pays d'origine;

17º **fonds:** fonds d'investissement collectif;

18° **ushinzwe gucunga ikigega:** ikigo cy'ubucuruzi cyemerewe n'urwego rubishinzwe guha abakiriya serivisi za kinyamwuga z'imicungire y'ikigega kugira ngo babyaze inyungu amafaranga yabo;

19° **ucunga ikigega cy'ishoramari ry'abishyizehamwe:** ikigo gishinzwe:

a) gutegura no gufata neza igitabo cyandikwamo abafite uruhare mu kigega;

b) kubika neza inyandiko n'ibitabo by'ibaruramari;

c) kugenzura ko imitungo y'ikigega ibitswe n'umubitsi w'imitungo y'ikigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe;

d) kugenzura ko imitungo y'ikigega igaragazwa ko ari iy'icyo kigega kandi ko ibitswe n'ucunga iby'abandi w'umwuga cyangwa n'umubitsi w'imitungo itandukanyijwe n'imitungo y'ucunga ikigega n'imitungo y'ibindi bigega by'ishoramari by'abishyize hamwe bicungwa n'umuntu umwe ucunga ikigega bikanatandukanywa n'abandi

18º **fund manager:** an entity licenced by relevant authority to provide professional fund management services to the clients to optimise profitability of their funds;

19º **operator of a collective investment scheme:** an entity in charge of:

a) creating and maintaining a register of participants in the scheme;

b) keeping proper accounts and records;

c) ensuring that assets of the scheme are held by and registered with the custodian of collective investment scheme;

d) ensure that assets of the scheme are identified as the assets of the scheme and are held by a trustee or depositary separately from the assets of the operator and from the assets of other collective investment schemes operated by the same operator and from other clients of the operator or the trustee or depositary or custodian;

18º **gestionnaire de fonds:** entité autorisée par l'autorité compétente à fournir aux clients des services professionnels de gestion de fonds afin d'optimiser la rentabilité de leurs fonds;

19º **opérateur d'un fonds d'investissement collectif:** une entité chargée de:

a) créer et tenir un registre des participants au fonds;

b) tenir des comptes et des registres appropriés;

c) veiller à ce que les actifs du fonds soient détenus par le dépositaire du fonds d'investissement collectif et enregistrés auprès de celui-ci;

d) veiller à ce que les actifs du fonds soient identifiés comme étant les actifs de fonds et soient détenus par un fidéicommissaire ou un dépositaire séparément des actifs de l'opérateur et des actifs d'autres fonds d'investissement collectif gérés par le même opérateur et d'autres clients de l'opérateur ou le fidéicommissaire ou le dépositaire;

bakiriya b'ucunga ikigega cyangwa n'uhagarariye abashoramari washyizweho n'uwatangije ikigega cyangwa umubitsi w'imitungo;

e) kugena agaciro k'imitungo y'ikigega no kubara agaciro nyako k'imitungo n'agaciro nyako k'ibice fatizo, imigabane cyangwa ubundi bwoko bw'umugabane mu kigega no kugena, aho bishoboka, igiciro ku bice fatizo by'imigabane, kuba umunyamuryango w'ikigega hagamijwe kugurisha cyangwa kwisubiza imigabane;

20° **Ikigo mpuzamahanga cy'ubucuruzi:** ikigo cy'ubucuruzi kibitsa mu bigo by'imari byo mu Rwanda amafaranga agenewe ibikorwa by'ubucuruzi hanze y'u Rwanda ariko kitemerewe gucuruza cyangwa kwinjiza mu Rwanda ibicuruzwa cyangwa kubyohereza mu mahanga;

